CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali / Rwanda
Tél. : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# UBUTUMWA BUGENEWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'IYOGEZABUTUMWA RY'ABANA

## « BANA, MUFASHANYE KUMENYA YEZU »



**Ku wa 02 Mutarama 2022**

# INTANGIRIRO

**1**. Bana dukunda, tubifurije umunsi mwiza w'Ukwigaraga kwa Nyagasani!

Ku munsi mukuru w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani, duhimbaza Umunsi mpuzamahanga w'iyogezabutumwa ry'abana ku isi hose. Ni umwanya wihariye Kiriziya yageneye abana, kugira ngo bongere kuzirikana ku ruhare rwabo mu buzima bwa Kiriziya. Burya abana nabo bafite uruhare rukomeye mu iyogezabutumwa rya Kiriziya. Urugwiro Yezu agaragariza abana abwira abigishwa be ati «nimureke abana bansange» (Mt 19,14) ni ikimenyetso cy'urukundo abafitiye. Niyo mpamvu tutagomba kubabuza kumusanga haba mu isengesho ndetse n'ahandi hose bashobora guhurira nawe.

**2**. Abana bato tubigiraho imyitwarire dusabwa kugira ngo tuzinjire mu ngoma y'ijuru. Nibyo Yezu avuga agira ati«nimudahinduka ngo mumere nk'abana batoya ntabwo muzinjira mu ngoma y'ijuru» (Mt18, 3-5). Aya magambo Yezu ayatubwira kuko azi neza ko imitima yacu ihihibikanywa na byinshi bidutandukanya n'Imana ndetse n'abavandimwe; kandi rimwe na rimwe kwigarura bikatugora. Umwana ahorana icyizere ku babyeyi, azi ko ntacyamuhungabanya ari kumwe na bo. Ntiyiririrwa ahangayika kuko azi ko ababyeyi bahamubereye. Umutima we ntuturwa n'inabi cyangwa urwango. Abana ni abarimu bacu; batubera urugero tugomba gukurikiza, ndetse bakatwereka n'urugendo tugomba gukora.

**3**. Insanganyamatsiko iragira iti: «**Bana, mufashanye kumenya Yezu».** Abana hagati yabo bafashanya kumenya Yezu. Barenga

imipaka, bakazirikana n'abandi bana bari mu bihugu hirya no hino, baharanira ko bamenya Ivanjiri, babasabira, ndetse bagatanga n'imfashanyo ishyigikira iyogezabutumwa ry'abana ku isi.

## A. YEZU KRISTU YIGARAGARIJE AMAHANGA

**4.** Umunsi mukuru w'Ukwigaragaza kwa Nyagasani, utwereka uko Imana igenda ihishurira abantu umugambi wayo wo kubakiza. Nk'uko twabyumvise mu Ivanjiri y'uyu munsi, Abanyabwenge baturutse i Burasirazuba, bayobowe n'inyenyeri ndetse n'ijambo ry'Imana baza i Yeruzalemu kuramya Yezu. Uruhererekane rw'umuco wa Kiriziya rutubwira ko abo banyabwenge bari batatu: Baritazari, Gasipari na Melikiyoro; bakaba bashushanya amoko yose atuye ku isi. Umukiro Nyagasani atanga ugenewe amahanga yose. Twese duhamagariwe gushakashaka Yezu, kumumenya no kumuramya. Nitwemera kumurikirwa n'inyenyeri ye, nta kabuza tuzamugeraho.

**5**. Amaturo Abanyabwenge batuye yerekana Yezu uwo ari we: Ni Umwami w'ibihe byose, niyo mpamvu bamutuye zahabu yari igenewe guturwa umwami; ni Imana Nyirubutagatifu niyo mpamvu bamutuye ububani bwari bugenewe guturwa Imana; azakiza abantu abigirishije urupfu n'izuka bye niyo mpamvu bamutuye umubavu wari ugenewe gusukura umubiri w'uwapfuye. Muri iki gihe natwe dukeneye urumuri rwa Nyagasani ngo tumenye inzira nyayo ituganisha ku Mana. Muri uru rugendo turimo umwijima w'ikibi utwikiye isi, uduhuma amaso ntitumenye icyiza tugomba gukora. Nyagasani twaje

kuramya amurikire imitima yacu kugira ngo tumenye icyo adushakaho.

## B. YEZU ASHAKA KO TUMUMENYA

**6**. Yezu Rumuri rw'amahanga ashaka ko abantu bose bamumenya kugira ngo bazabone ubuzima buhoraho. Kumumenya bituma tugirana umubano wihariye na We bityo tukaba inshuti ze: «Sinkibita abagaragu, kuko umugaragu atamenya icyo shebuja akora; ahubwo mbise inshuti, kuko nabamenyesheje ibyo numvanye Data byose» (Yh15, 15). Uwamenye Yezu agirana na We umubano wihariye utuma Yezu amwakira uko ari kose: «Nimungane mwese, abarushye n'abaremerewe, njye nzabaruhura. Nimwikorere umutwaro wanjye, kandi mundebereho, kuko ngira umutima ugwa neza kandi nkoroshya; muzamererwa neza mu mitima yanyu» (Mt 11, 28-29).

**7**. Mu buzima bwe bwa hano ku isi Yezu yaranzwe no kwita ku bakene, n’abaciye bugufi kandi akabigaragarizamo. «Ibyo mwagiriye umwe muri abo bavandimwe banjye baciye bugufi, ni jye mwabaga mubigiriye» (reba Mt 25, 40). Kumenya Yezu ni ukwisanisha nawe, ni ukubaho nkawe, ni ukugira imyumvire n'amatwara nk'ibye; ni ukumwigana (reba Ef 5, 1-2).

## C. ABANA BAFITE UBUTUMWA BWO GUFASHANYA KUMENYA YEZU

**8.** Yezu yahaye intumwa ze ubutumwa bwo kwamamaza Inkuru Nziza mu mahanga yose kugeza ku mpera z'isi (reba Mt 28, 19-20). Ubwo butumwa n'abana burabareba. Abana bagomba gufashanya kugira ngo bamenye Yezu Kristu kandi bamumenyeshe n'abandi. Muri uyu mwaka duhimbaza yubile y'imyaka ijana Ibikorwa bishinzwe Iyogezabutumwa ry'Abana byitiriwe Papa, tuzirikane urugero rw'abana bo mu gihugu cy' u Bufaransa. Abo bana bamaze kumva ibibazo abana bo mu Bushinwa bari bafite aribyo, kutamenya Ivanjiri, kudashobora kwivuza no kwiga, babifashijwemo na Musenyeri Charles de Forbin-Janson, bishyize hamwe batangira kuvuga **Ndakuramutsa Mariya** imwe ku munsi basabira abo bana bo mu Bushinwa kandi bagatanga igiceri kimwe ku kwezi. Ayo mafaranga yahurizwaga hamwe akoherereza abamisiyoneri bari muri icyo gihugu ndetse no hirya no hino ku isi kugira ngo hubakwe ibikorwa remezo bifasha abo bana. Bari bafite intego igira iti: ***"Abana bafasha abandi bana",*** intego yaje gukura ikabyara iyi ikurikira: **"Abana bigisha Ivanjiri abana, abana basabira abandi bana, abana bafasha abana b'isi yose".**

**9**. Hirya no hino ku isi abana bugarijwe n'ibibazo byinshi: Hari ibihugu birimo intambara, zituma abana bamwe bapfa bakiri bato, abandi bakamugazwa n'ibisasu; abandi bakaba imfubyi, impunzi; hari n'ababa ababyeyi imburagihe. Izo ntambara kandi zituma abana bajya mu gisirikare bakiri bato, bamwe bagata ishuri; hari abafatwa ku ngufu bakanduzwa ndetse n'indwara, abandi bagashaka abagabo n'abagore imburagihe....

**10**. Abana bo mu bihugu bikiri mu nziza y'amajyambere bugarijwe n'ubukene butuma bakoreshwa imirimo isaba ingufu zirenze izo bafite, abandi babura ubushobozi bwo kwivuza no kwiga kuko nta bikorwa remezo by'ibanze bihari (amashuri, amavuriro), Hari abacuruzwa n'abashimutwa, abashorwa mu biyobyabwenge n’abahura n’ihohoterwa kuko batagira kirengera.....

**11**. Muri iki gihe mu bihugu byateye imbere hagaragara ubwigunge mu bana, gukoresha cyane ibiyobyabwenge, guta icyizere cy'ubuzima bishobora kugeza no ku kwiyahura. Hari abana bakurira mu miryango y'ababyeyi batandukanye bikabagiraho ingaruka mu mikurire. Abana benshi nabo bugarijwe n'ubukene ndetse n'ivangura. Abandi bagizwe imbata no gukoresha ikoranabuhanga. Uruvangitirane rw'imico rugaragara muri ibyo bihugu rutuma abana batabona umurongo uboneye w'imyitwarire.

**12**. Hirya no hino hari abana batigishwa Iyobokamana n'umuco wa gikristu bitewe n'impamvu nyinshi: Hari ibihugu bitarageramo Ivanjiri. Hari aho Ivanjiri yageze ariko ikaba itarashinga imizi, hakaba n'ibindi bihugu bitangiye gusubira inyuma mu bukristu. Aho hose abana bo muri ibyo bihugu bakeneye byihutirwa ko tubabera abogezabutumwa ku bw’isengesho n'ibikorwa by'urukundo.

## D. ABANA BIGISHA IVANJIRI ABANDI BANA

**13**. Bana dukunda turabashishikariza kuba Abogezabutumwa.

Iwacu mu rugo, mu muryango, niho hambere abana bahurira n'Ivanjiri bigishwa n'ababyeyi babo. Ivanjiri bayitozwa binyuze mu isengesho bavugira hamwe mu rugo, kujyana n'ababyeyi babo mu misa ku cyumweru no ku minsi mikuru. Ahandi abana bahurira n'Ivanjiri n'ubuzima bwa gikristu ni mu ishuri mu isomo ry'Iyobokamana, mu matsinda y'abana cyangwa utugoroba tw'abana, mu miryango ya agisiyo gatolika no mu kumva ubuhamya bw'abatubanjirije mu kwemera.

**14** Iyo Vanjiri ntituyumva kugira ngo tuyigumane twenyine, ahubwo duhamagarirwa kuyishyikiriza abandi. Ni muri urwo rwego Iyogezabutumwa ry'Abana rifite agaciro gakomeye muri Kiriziya. Kubera iyo mpamvu, abana nibahabwe umwanya uhagije wo gusomera abandi ijambo ry'Imana no kurizirikana, haba mu rugo, ku ishuri, mu matsinda y'abana....

Bafashijwe n'iryo Jambo ry'Imana, abana kandi bafite inshingano zo kugandura abandi bana bakerewe cyangwa bacitse intege mu kwitegurira amasakramentu. Hari kandi abana bavuka mu miryango itaramenya Imana, bakabura uburyo basanga Yezu, haba kujya mu misa, mu isengesho ndetse no mu guhabwa amasakramentu kuko ntawe ubibashishikariza.

Bana rero nimube intumwa nziza Yezu atuma, zikajyana umutima mwiza, kugira ngo ziyobore abandi bana kuri Yezu.

## E. ABANA BASABIRA ABANDI BANA

**15**. Bana dukunda nimusabire abandi bana.

Nk'uko twabibonye, hirya no hino ku isi hari abana bugarijwe n'ibibazo byinshi bitandukanye. Bakeneye isengesho ryanyu. Iryo sengesho rishobora kuba iryawe ku giti cyawe cyangwa rigakorwa mufatanyije n'abandi mu rugo, ku ishuri, n'ahandi hose bishoboka. Mwitoze gusenga musabira abana b'isi yose ngo bamenye Ivanjiri ya Kristu. Musabe ngo amahoro, ukuri n'ubutabera biganze ku isi maze abana bagire ubuzima bwiza, bige, bajijukirwe, bakure mu gihagararo, mu bwenge banyuze Imana n'abantu (reba Lk 2,52)

## F. ABANA BAFASHA ABANDI BANA

**16**. Bana dukunda, mufashe abandi bana.

Gufasha ntibisaba kuba utunze byinshi byagusagutse, ahubwo ni umutima wagutse wifitemo ubuntu n'urukundo. Abana bo mu gihugu cy' Ubufaransa batangiye buri wese atanga igiceri ku kwezi kigafasha abamisiyoneri kubaka amashuri, amavuriro n'ibindi bikorwa remezo mu bihugu bari bajyanyemo Ivanjiri. Abo bana batubere natwe urugero, tubigireho.

**17**. Hari bagenzi bacu tubana, twigana, dusengana, duturanye bafite ibibazo bitandukanye, bakeneye ubufasha bwacu. Hari kandi abana bari hirya no hino ku isi batagira aho bivuriza, batagira aho bigira, batagira aho batura n'abatari bamenya Ivanjiri. Abo bose bakeneye inkunga yanyu kugira ngo ibikorwa by'iyogezabutumwa bishoboke.

**18**. Turashimira umuco mwiza usigaye urangwa mu bana hirya no hino mu mashuri, wo kwishyira hamwe bagafasha abandi bana bagenzi babo babinyujije muri Caritas zo mu mashuri cyangwa mu yandi matsinda bahuriramo. Abana bakusanya inkunga bakagurira abandi bana ibikoresho by'ishuri, imyambaro, ndetse hari n'abana bishyurira abandi bana amafaranga y'ishuri Abana basura abandi bana babuze ababyeyi cyangwa se ababyeyi babuze abana babo biganaga... Uwo muco turawubashimiye. Muwukomeze kandi muwutoze abandi bana.

## UMWANZURO

**19.** Bana dukunda, muri uyu mwaka tuzirikana imyaka ijana Ibikorwa by'Iyogezabutumwa ry'abana ku isi byitiriwe Papa ni umwanya wo kuzirikana uruhare rwanyu mu iyogezabutumwa ry'abana muri Kiriziya. Abana namwe mufite uruhare rukomeye muri Kiriziya. Yezu abatuma kuri bagenzi banyu. Mugire ubwira bwo gusenga, guhugukira Ijambo ry'Imana. Murusheho kuzirikana no gusabira abana benshi bo mu bihugu by'isi yose, bugarijwe n'ibibazo bitandukanye.

**21.** Basaseridoti, Bihayimana, Babyeyi, Barezi, namwe mwese mugira uruhare ku burere bw'abana, turabasaba kuba hafi y'abana. Mubatoze gukunda Imana no gukunda mugenzi wacu. Mubabibemo umuco mwiza wo guharanira icyiza no kukibera abahamya. Mubatoze ibikorwa by'urukundo n'impuhwe no gufashanya hagati yabo; mubatege amatwi kandi mubabere urugero rwiza.

Turabashimira kandi inkunga mutanga kuri uyu munsi no ku yindi Minsi Mpuzamahanga yagenewe Iyogezabutumwa rya Papa. Iyi nkunga ifasha Kiriziya kurangiza neza ubutumwa bwayo bwo kwamamaza Yezu kugeza ku mpera z'isi.

Bana dukunda, tubaragije Umubyeyi Bikira Mariya Nyina wa Jambo.

Tubahaye mwese umugisha w’Imana!

Bikorewe i Kigali, ku wa 10 Ukuboza 2021.

**+ Anaclet MWUMVANEZA**
**Umwepiskopi wa Diyosezi ya NYUNDO, akaba na Perezida wa Komisiyo y’Abepiskopi ishinzwe Iyogezabutumwa ku isi hose.**

## ISENGESHO RYO GUSABIRA ABANA

Nyagasani,
Tugutuye abana b’isi yose,
Ubahe gukurana urukundo,
Bakumenye banagukunde,
Bakumenyeshe urungano.

Barinde ingeso mbi zose,
Bazire kwangana no kurwana,
Kwirogesha ibiyobyabwenge,
Kuzerera no kubahuka,
Gusuzugura ababarera,
Gusambana no kubeshya,
Kwiba no kwangiza.

Wowe soko y’ingabire,
Bahe kujijuka no gushishoza,
Bakire imico ubatoza,
Bagutunganire igihe cyose.

Bahe imbaraga bakugane,
Bagusingize uko bukeye,
Isi yacu inogere Imana,
Ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu.
Amina